RMB

Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

## ITANGAZO

Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda (RMB), mu bihe bitandukanye, cyagiye cyakira ibibazo bikomoka ku makimbirane ashingiye ku masezerano y'ímikoranire yitirirwa ***Sous-traitance*** akunze gukorwa hagati y'abahawe impushya n'abandi bantu baba bashaka kwinjira mu bucukuzi bazana ishoramari rituma ikirombe cyongera umusaruro.

Ibibazo byakunze kugaragara bishingiye ku micungire mibi iteza ubuhemu, uburiganya n'ubumenyi buke bigaragara kuri bamwe.

Ibyitirirwa ***sous-traitance*** ni umuco mubi w'aho bamwe mu bahawe impushya z' ubucukuzi bw' amabuye y' agaciro bikuraho uburenganzira n'inshingano bahabwa n' uruhushya bakabyegurira abandi bantu mu buryo bwo gukodesha izo mpushya kandi bitemewe n' amategeko agenga ubucukuzi bw' amabuye y' agaciro.

Nyuma yo gusuzuma amakuru agenda agaragara hirya no hino hamwe n'ayatanzwe mu gihe yasabwaga abacukuzi kugira ngo hatangwe inama zo kunoza iyo imikoranire;

RMB irongera kwibutsa abacukuzi n'abacuruzi b'amabuye y'agaciro ko sous-traitance inyuranyije n'amategeko agenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kandi idindiza urwego rw'ubucukuzi kuko ababonye uburenganzira bwo gucukura muri ubwo buryo babikora ntacyo bitayeho , bakangiza ibidukikije, bagakoresha abakozi badafite ubumenyi n'ibikoresho bikwiye, bakagirana ibibazo n'abo bakodeshje ndetse n'abaturage ku mitungo yabo yangizwa indi ikavogerwa nta ngurane, bagateza impanuka za hato na hato, bakihishahisha inzego z'ubuyobozi n'ibindi bibi byinshi. Hari n' aho usanga banakora ishoramari rifatika ariko mu buryo butanoze kubera gukora rwihishwa.

RMB iributsa abahawe impushya ko bafite inshingano zo kubungabunga no guteza imbere aho baherewe impushya.

Icyakora, mu gihe bigaragara ko sous-traitance itagamije ikodeshwa ry' uruhushya ahubwo igamije gufasha uwaruhawe kugira ngo agire ubushobozi mu by'imari cyangwa mu bya tekinike ashobore gukora ibikorwa byerekeye ubucukuzi n'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro, iyo mikoranire igomba kumenyeshwa RMB.

Abakora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro baributswa ko aho bizagaragara hose ko uruhushya rw' ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rukodeshwa cyangwa rufite imikorere ya sous –traitance itazwi itanubahirije amategeko; urwo ruhushya ruzafatirwa ibyemezo bikomeye birimo no kurwamburwa burundu.

Bikorewe i Kigali, ku wa 01/8/2024

**KAMANZI Francis**
**Umuyobozi Mukuru**

RWANDA MINES, PETROLEUM AND GAS BOARD